NZAJYIBWAMI Missac
Komini Kivu
Perefegitura Gikongoro.

Kivu, kuwa 15/04/1997

D.C
Nge mbona Gaculiro operations zose zikwiye Audit.

Naho observations zange ...

Audit ... 23.04.97.

A traiter par : DJ
Date entrée : 16/4/97
N° Classement : 1041/21

Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w'Urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse
KIGALI.-

25/4/97

Impamvu: Kwishyuza amafaranga 411.500 no guteza ubwega.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Nshimishijwe no kwongera kubandikira mbasaba ko Minisiteri y'urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse muyobora yanyishyura amafaranga ibihumbi magana ane na cumi na kimwe na magana atanu (411.500F.) Uwo mwenda uturuka ku masezerano twagiranye kuwa 20/05/96 yo kubazanira imbaho ibihumbi bitatu (3.000 planches) nk'uko bigaragazwa na Bon de Commande n° 02/96 yakozwe na Rutagengwa Cyrille umuyobozi wa C.F.J Gaculiro kuriyo taliki yavuzwe haruguru. Icyo kigo cyakiriye imbaho ibihumbi bitatu na magana cyenda na makumyabiri n'eshatu (3.923).

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, nk'uko nabibandikiye kuwa 10/12/96 nkanabyibutsa mu ibaruwa yanjye yo kuwa 10/01/97 izo mbaho nazigemuye mu kigo cy'i Gaculiro mu kwezi kwa gatandatu 1996 hagiye gushira umwaka wose kandi zarabyajwe umusaruro kuko ibyakozwemo Unicef yarabishimye ndetse iranabyishyura.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, nubwo ntahwemye kwishyuza haba mu mvugo haba no mu nyandiko njye mbona atari amafaranga yabuze, kuko Unicef yarangije kwishyura kera ahubwo ari ubushake buke, mukirengagiza ko nanjye nari nazikopesheje mu mashyirahamwe nka ISABAKI n'andi ubu akaba acumbagira ndetse ari hafi gusenyuka kandi ariyo mwiyemeje kurengera no guteza imbere. Kubera ko ubu ayo mashyirahamwe angeze k'ubuce akaba yaratangiye kumbarira inyungu za 25% ndetse ubu akaba yarankomanyirije ntashobora kubona imbaho ntabanje kwishyura kandi mbere barankopaga, ndabamenyesha ko nihashira iminsi cumi n'itanu (15jours) ikibazo cyanjye kitabonye igisubizo nzitabaza inkiko kandi ngatangira kubara inyungu za25%z'ubukererwe ntayindi nteguza.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri ndangije nongera kubatakambira ngo munyishyure nanjye mbashe kwishyura abampaye izo mbaho banyizeye kandi namwe babafitiye icyizere cyane cyane ko arimwe mushinzwe ibibazo by'amashyirahamwe.

Mbifulije ishya n'ihirwe mu mirimo yanyu. Mugire Amahoro.

.../...

NZAJYIBWAMI Missac.

[signature]

BIMENYESHEJWE:

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  B.P. 15 KIGALI.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  B.P. 24 KIGALI.

- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
  B.P. KIGALI.

- Bwana Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Urbyiruko, Imikino n'imyuga icirititse
  KIGALI.

- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'amashyirahamwe muri Minisiteri y'urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse
  KIGALI.

- Bwana NGAMIJE Augustin Umuyobozi w'Ikigo C.F.J I GACULIRO.
  KIGALI.

Ishyirahamwe GIKONGORO

ISABAKI MUDASOMWA

HOMETSEHO:

- Bon de Commande n° 02/96 yo kuwa 20/05/96
- Fagitire n°042/96 yo kuwa 12/10/96
- Ibaruwa yo kuwa 10/12/96
- Ibaruwa yo kuwa 10/01/97
- Ibaruwa y'umuyobozi w'ikigo cy'urubyiruko cy'i Gaculiro yo kuwa 28/2/97.

REPUBLIQUE RWANDAISE

ERVICE ..........................

# BON DE COMMANDE N° 02/96

Budget .......................... Article Planches Littera EM

FOURNISSEUR NZAGIBWAMI Disaka A LIVRER à C.F.J/Gacuriro

I.N.R. 64360 — 200

| Quantité | Désignation | Prix unitaire | Prix total |
| --- | --- | --- | --- |
| 3.000 | Planches | 500 | 1.500.000 FRW. |
| | Nous disons | | |
| | Un million cinq cent mille Francs Rwandais | | |

Total 1.500.000 FRW

Visa du service du budget

et du contrôle, Rutagengwa Cyrille le 20/05 19 96

Le (sous) Gestionnaire de Crédits,

Inscrit fiche mod. 1 Poste n° .............................. du 20/05 19 96

F A C T U R E No: 042 /96

Ministère y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe igomba kwishyura Nzajyibwami Missac amafaranga Ibihumbi magana ane na cumi na kimwe n'amaganatanu y'u Rwanda(411.500 Frws kubera imbaho yajyemuye mu cyigo cy'i Gacuriro 3923 x 500 Frws: 1.961.500 Frws ayishyuwe 1.550.000 Frws Asigaye ni 411.500 Frws kuri Bon de Commande No 2/96 yo kuwa 20/05/96.
Ndifuza rero ko mwahita munyishyura kuko amaze igihe kirekire cyane.

NZAJYIBWAMI Missac
R.C. D. O 257 Gikongoro
C/o B.P. 294 Butare

Uwishyuza Nzajyibwami Missac.

Bikorewe i Kigali,kuwa 12/10/96

Approuvé

Directeur C.F.J-Gacuriro
Twizagenguwa Cyrille

REPUBLIQUE RWANDAISE
MIJEUMA - C.F.J. GACURIRO

NZANJYIBWAMI Missac
KIVU-GIKONGORO

Kivu, le 10/12/1996

Impamvu : Kwishyuza amafranga amaze igihe kirekire.

Kuri Nyakubahwa Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko namashyirahamwe muri Ministeri y'Urubyiruko namashyirahamwe
KIGALI.

Bwana Muyobozi,

Nshimishijwe n'uyu mwanya mbonye wo kubandikira mbasabako Ministeri y'urubyiruko namashyirahamwe yanyishyura amafranga ibihumbi maganane na cumi na kimwe maganatanu y'urwanda (411.500 FR) yasigayemo kubera imbaho najyemuye mukigo cyi Gacuriro ayamafaranga amazigihe mpora nsiragirayo nishyuza ariko uwitwa Ngamije Augustin yanze ko nishyurwa ayo mafaranga yanjye kandi imbaho zarangiye kubazwa cyera nibyo bazi kozemo byarishyuwe ubu abazimpaye bamereye nabi kubaxxxxxx kuburyo ishyirahamwe ryitwa ISABAKI ryo muri Mudasomwa ku gikongoro ryatangiye kumbarira inyungu 20 % buri kwezi kumafaranga yimbaho zabo kuberako yarengeje amezi atandatu niyo mpamvu mbatakambiye kujyirango mumpe ariya mafaranga nicyize uwo mwenda najye ndimo;murukukubandikira mbahaye fotokopi ya fagitire kujyirango murebereho.

Ndangije mbashimira Bwana Muyobozi Mukuru w'Urubyiruko na mashyirahamwe umwanzuro ushimishije mumpa.

Mugire ishya nihirwe mukazi mushinzwe murakoze.

NZAJYIBWAMI Missac.

NZAJYIBWAMI Missac
Komini Kivu
Préfecture GIKONGORO

Kivu, le 10/01/1997

**Impamvu:** Kwishyuza amafranga amaze igihe kirekire.

Kuri Nyakubahwa Minisiti
w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe
KIGALI.-

Nyakubahwa Minisitiri,

N'icyubahiro cyanyu cyinshi nshimishijwe n'uyu mwanya mbonye wo kubandikira mbasaba ko Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe Muyobora yanyishyura amafaranga ibihumbi magana ane na cumi na kimwe na magana atanu y'u Rwanda (411.500 F.)

Kubera imbaho najyemuye mu kigo cyi GACURIRO MU Kwezi kwa gatandatu 1996 ayo mafaranga mazigihe nyishyuza ariko narayabuze kandi imbaho najyemuye zakozwemo ibikoresho bya INICEF kandi yarabishyuye ariko jyewe amaso yaheze mu kirere mpora nsiragira nishyuza sinishyurwe.

Nyakubahwa Minisitiri, nandikiye n'Umuyobozi w'Urubyiruko n'amashyirahamwe ariko sinabona igisubizo kandi abampaye izo mbaho ubu batangiye kumbarira unyungu 20% kubera gutinda kubishyura kandi atarijye biturutseho. Muruku kubandikira mbohereje hamwe n'iyi barwa fotokopi ya facture na fotokopi ya za komande hamwe na fotokopi y'ibarwa nandikiye umuyobozi w'urubyiruko n'Amashyirahamwe.

Ndangije mbashimira umwanzuro ushimishije w'iki kibazo cyanjye kubera ko kinkomereye cyane.

Mugire ishya n'ihirwe mu kazi mushinzwe mugire amahoro.

NZAJYIBWAMI Missac.

REPUBULIKA Y'URWANDA
MIJEUMA
C.F.J/GACULIRO
B.P 1044 KIGALI

Gaculiro, le 28/02/97

Ikivugwaho : Ibirebana n'imbaho zagurishijwe ikigo.

Kuli Bwana Nzagibwami Mussac

Bwana,

Nkwandikiye iyi baruwa nkumenyesha ko ikibazo cyawe kijyanye n'imbaho wagurishije ikigo cya Gaculiro cyatugezeho.

Nkaba kandi nifuza kubagezaho ko turimo kwiga icyo kibazo.

Kubera iyo mpanvu ndasaba ko mwatwihanganira gato, mugihe tugishakisha umwanzuro w'icyo kibazo.

Mbaye mbashimiye uko mwakira igitekerezo cyacu n'ikifuzo cyo kurangiza burundu ikibazo dufitanye.

Umuyobozi w'ikigo cy'urubyiruko cy'i Gaculiro

Augustin NGAMIJE

REPUBLIQUE RWANDAISE
MIJEUMA - C.F.J GACULIRO